Rwanda Education Board

# Duharanire kurengera ubuzima



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Inkuru yo mu kiciro 2 cya kabiri cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Duharanire kurengera ubuzima




Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

MURAGIJEMARIYA Anne, yanditse iyi nkuru afite imyaka 16, yiga mu mwaka wa 1 w'amashuri yisumbuye, mu ishuri nderabarezi rya Muhanga, Akarere ka Muhanga, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, DUHARANIRE KURENGERA UBUZIMA, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Mugisha na Mutoni bari baturanye.
Bigaga mu mashuri abanza.



Buri gihe basubira mu masomo yabo.
Iyo barangije barakina.



Buri gitondo bajyana kwiga.
Nta n'umwe ushobora gusiga undi.




Umunsi umwe bagiye ku ishuri.
Bumva umwana aririra mu gihuru.



Barahegera, basanga yarize yahogoye.



Mutoni aramuterura aramuhoza.



Mugisha abibonye atyo ararakara.
Ababazwa n'uko Mutoni ari bukererwe.



Mutoni asaba Mugisha ko bajyana umwana.
Mugisha arabyanga yigira ku ishuri.



Mutoni ahita ajyana umwana iwabo.
Mugisha we ajya ku ishuri.



Nyina wa Mutoni amubonye aratangara. Aramushimira amusaba gusubira ku ishuri.




Mutoni yageze ku ishuri yakerewe.




Muri ako kanya Mutoni aba arahageze.



Atangira gusobanura uko byamugendekeye.
Asaba imbabazi ko atazongera gukererwa.




Umwarimu amushimira ubutwari yagize.
Abwira abandi bana kumwigiraho.




Amuhemba udutabo tw'inkuru.




Umwarimu agaruka ku isomo yigishaga.
Abasaba kwita ku bari mu kaga.



Mugisha ahita yigaya.
Yiyemeza kuzajya atabara abababaye.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA